**WORKFORCE DEVELOPMENT AUTHORITY – WDA**
*Empowering people with employable skills and entrepreneurship capacity*
**P. O. BOX 2707, Kigali - Rwanda**
**Tel: (+250) 255113365**
**E-mail: examinations@wda.gov.rw**
**Website: www.wda.gov.rw**

**ITANGAZO RIGENEWE ABAYOBOZI B'AMASHURI YISUMBUYE Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO KU BIJYANYE NO GUFASHA ABANYESHURI KWIYANDIKISHA KUZAKORA IBIZAMINI BYA LETA BYA 2018**

Ubuyobozi bwa WDA buramenyesha abayobozi b'amashuri yisumbuye y'Imyuga n'Ubumenyingiro bafite abakandida bazakora ibizamini bya Leta 2018, bakaba bari mu gikorwa cyo kwiyandikisha kuzakora ibizamini bya Leta ibi bikurikira:

1. Kwandika abanyeshuri nk'uko amabwiriza abigena, abadafite results slip z'icyiciro rusange bakabashyiriraho ilisiti y'amanota igaragaza izina ry'umukandida;

2. **Gusuzuma no Kwemeza** ko amakuru yose ku mukandida yujujwe nk'uko bisabwa; Hagasuzumwa imyirondoro umunyeshuri yigiraho ko ihura n'iri mu irangamimerere, aho bidahura bakavugana n'ababyeyi b'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ko amazina umwana akoresha ku ishuri ariyo bamubarujeho;

3. Kutagira umukandida n'umwe ugeze mu mwaka urangiza ikiciro kandi wujuje ibisabwa babuza kwiyandikisha;

**Icyitonderwa:**

Abayobozi b'ibigo barasabwa gufasha abakandida bafite ibibazo by'imyirondoro:
abakandida basabwe kwiyandikisha berekanye irangamuntu, bakaba batayifite cyangwa bakaba bayifite idakosoye, bagomba kwandikwa nk'abandi hakoreshejwe amazina yabo y'ukuri hanyuma abayobozi b'amashuri bakazabikorera raporo yihariye bakayigeza kuri WDA bitarenze tariki 20/7/2018

WDA iboneyeho kongera kwibutsa abayobozi b'amashuri kujya bagenzura imyirondoro abanyeshuri bigiraho hakiri kare igahuzwa n'imyirondoro yabo iri mu irangamimerere.

Bikorewe i Kigali, ku wa ..... 20/6/2018

**GASANA Jerome**
**Umuyobozi Mukuru wa WDA**